**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**
**Tel: (250) 252586561 Fax: (250) 252586509**
**E-mail : mjust@minijust.gov.rw**

# ITANGAZO

Minisiteri y'Ubutabera iramenyesha abantu bose ko inyandiko zikoreshwa mu gihugu zisinywaho na ba Noteri bo ku rwego rw'Akarere n'urw'Umurenge hashingiwe ku bubasha bahabwa n'itegeko.

Inyandiko zijya gukoreshwa hanze y'igihugu no muri za Ambassade zerekeranye n'ishoramari zisinywaho na Noteri wo muri RDB.

Inyandiko zijya gukoreshwa hanze y'igihugu no muri za Ambassade zerekeranye n'ubutaka zisinywa n'Umubitsi w'impapuro mpamo z'ubutaka.

Minisiteri y'Ubutabera iramenyesha kandi ko kuva ku itariki ya **01 Mutarama 2015**, serivisi za noteri zizajya zitangirwa kuri Minisiteri ari izerekeranye n'inyandiko zijya gukoreshwa hanze y'igihugu no muri za Ambassade ziri mu bubasha bwayo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 18/11/2014

**BUSINGYE Johnston**
**Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta**